Kinyarwanda

**PK**

26 Oct. 2011 13h30-15h30

**REPUBLIC OF RWANDA**

RWANDA EDUCATION BOARD (REB)
P.O BOX 3817 KIGALI TEL/ FAX: 586871

**Inomero yuzuye iranga umunyeshuri**

| *Intara/Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri yigaho* | *Umunyeshuri ku ishuri rye* |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**Amzina:**
**Izina ryawe bwite**.................................................................................

**Andi mazina**.......................................................................................

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA 2011

**10 – 2011**

# KINYARWANDA

**Igihe: amasaha abiri**

**Amanota:** /100

**AMABWIRIZA :**
Andika nomero yuzuye n'amazina nkuko byanditswe ku ifisfi

**Ikizamini kigizwe n'ibice bibiri :**

- **Igice cya mbere** : Umwandiko n'imiterere y'ururimi **(amanota 85 )**
- **Igice cya kabiri** : Ihimbamwandiko **(amanota 15)**

➢ Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.

➢ Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.

## UMWANDIKO: IMVURA N'UMUCYO

Buri muntu icyo yifuza ni imvura n'umucyo. Ku bwe imvura yagiye igwa umunsi umwe, undi munsi izuba rikava. Nta wushima imvura y'umuduhagizo, nta wushima umucaniro w'izuba rihozaho. Bati: "ibintu ni magirirane." Imyaka itunga abantu igirwa n'umubisikano w'imvura n'umucyo. Imvura yonyine y'iminsi yose itera inzara. Izuba ryonyine rihozaho ritera amapfa masa.

Imvura y'umudubi nta gakiza kayo. Imyaka iri mu gitaka iratabama cyangwa igatembanwa n'isuri. Imyaka ikuze iratikira, ugasanga yaboze. Ndetse n'ibijumba bitabiwe mu rushyana ntibishobora gushora. Imvura nk'iyo yuzura n'urutoke gusa.

Abantu mu rushyana bamererwa bate? Abatuye ahantu hataba ishyamba, baba barigushije! Nta nkwi bashobora kubona muri icyo gihe zitabaruhije bikabije. Ugasanga baburaye, aho mu nzu utwana dukomanya amenyo. Cyangwa bagacana ibyatsi bitose, umwotsi ukuzura inzu.

Bene inka na bo barushywa n'ikama ryazo. Bagira gusayagurika mu biziba n'igisogororo, bakagira n'imvura ibari ku mugongo n'imbeho y'umugoroba, rimwe na rimwe uwo inyana icitse, yakubitiraho ubunyereri, akikurunga mu nzarwe. Undi ngo ajyanye amata, akiyesa hasi, icyansi kikamuca hejuru.

Mbega ibyishimo iyo haramutse umucyo! Agasusuruko karatangira, byose ubwuzu bukabitaha. Udusimba tugacukunyuka mu twobo twatwo, tukavugurura imyobo yatwo, utuguruka tukananura amababa. Abantu bakagasanganiza imyaniko; si nyina w'imyaka yaboze, si nyina w'imyambaro yanyagiwe, si nyina w'ibiryamirwa, si nyina w'icyarire... Bakishima, mu mirima imyaka yatabamye igataburuka. Nuko rero ugasanga ibintu byose byataye akabi, byabaye byiza.

## IGICE CYA MBERE : UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI

### I. KUMVA UMWANDIKO (15)

1. Ni izihe ngaruka zivugwa mu mwandiko z'imvura nyinshi ku myaka ? **(3)**

.................................................................................................................................

.................................................................................................................................

.................................................................................................................................

2. Ni ikihe gihingwa gikunda imvura? **(1)**

.................................................................................................................................

3. Kugira ngo imyaka yere neza hagomba iki? **(1)**

.................................................................................................................................

4. Andika ibihe bibiri by'imvura bibaho mu Rwanda. **(2)**

.................................................................................................................................

5. Ni ibihe binyabuzima bivugwa mu mwandiko byishimira umucyo? **(3)**

.................................................................................................................................

6. Uretse imvura, andika ibindi bintu bibiri bishobora gutera inzara. **(2)**

.................................................................................................................................

7. Subiza **yego** cyangwa **oya** **(3)**

   a) Imvura igwa idasiba yangiza imyaka. ☐

   b) Mu kwezi kwa mbere, ukwa kabiri n'ukwa gatatu hava izuba ryinshi. ☐

   c) Imvura itanga imicyo ni nziza. ☐

## II. INYUNGURAMAGAMBO (12)

8. Uzurisha buri nteruro ijambo ukuye mu mwandiko: **(5)**

   a) Imvura nyinshi itera imyaka ............................cyangwa.............................

   b) Izuba ryinshi ritera.............................................................................................

   c) Ni byiza gushakira inka ..............................iyo mu kiraro habaye isayo.

   d) Abana benshi ntibazi ko amata akamirwa mu .............................................

9. Andika imbusane z'amagambo aciyeho akarongo: **(3)**

   a) Ibyatsi <u>bitose</u>

   ...................................................................................................................

   b) <u>Imbeho</u> y'<u>umugoroba</u>

   ...................................................................................................................

10. Andika impuzanyito z'amagambo akurikira **(4)**

   a) Inzarwe: ......................................................................................................

   b) Kwikurunga: ................................................................................................

   c) Gutikira: .......................................................................................................

   d) <u>Kwiyesa</u> hasi:...............................................................................................

## III. Ikeshamvugo n'ubumenyi rusange bw'ururimi (17)

11. Huza ibisobanura kimwe **(5)**

| | |
|---|---|
| a) Kugenda nka nyomberi | gutetesha |
| b) Kugenda amasigamana | kugira ubwoba |
| c) Gutera isekuru | kugenda burundu |
| d) Kurera bajeyi | kugenda wihuta |
| e) Gukuka umutima | kugenda ucumbagira |

12. Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira. **(2)**

a) Utazi ubwenge..........................................................................................

b) Umwambari w'umwana..................................................................................

13. Simbuza amagambo aciyeho akarongo amagambo yabugenewe. **(5)**

a) Igisabo kimanitse ku mugamba .

.........................................................................................................

b) Abavuzi b'ingoma bagura ingoma igihe izindi zatobotse cyangwa zasadutse.

.........................................................................................................

14. Uzurisha interuro amagambo yabugenewe akurikira: **(5)**

Kwanzika, ingasire, gukoma urusyo, inono, rukuze

Mbere yo ........................babanza ..............................n'.............. cyane cyane

iyo urwo rusyo.................... Ibyo babikora bashaka kubona ...........................

## IV. IKIBONEZAMVUGO (25)

15. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo: **(5)**

a) Imvura yonyine y'iminsi yose itera inzara.

Imvura: ..................................................................................

yonyine: ..................................................................................

b) Izuba ryonyine rihozaho ritera amapfa masa.

masa: ..................................................................................

c) Mu gihe cy'izuba ibihingwa biruma.

mu :..................................................................................

cy':..................................................................................

16. Tahura ibinyazina biri mu gika cya kane cy'umwandiko uvuge ubwoko bwabyo. **(5)**

.............................................................................................................

.............................................................................................................

.............................................................................................................

.............................................................................................................

.............................................................................................................

17. Andika imimaro y'amagambo agize iyi nteruro **(3)**

Udusimba tugacukunyuka mu twobo twatwo.

.............................................................................................................

.............................................................................................................

.............................................................................................................

.............................................................................................................

.............................................................................................................

18. Andika inteko z'aya magambo **(6)**

a) inkwi:.............................................................................................

b) urutoki:..........................................................................................

c) ibijumba:.........................................................................................

d) imyambaro:......................................................................................

e) izuba:..............................................................................................

f) gusayagurika:...................................................................................

19. Garagaza uturemajambo tw'amazina aciyeho akarongo. **(4)**

a) Imvura yonyine itera inzara.

inzara: ...........................................................................................

b) Im**vura itanga** **<u>uducyo</u>** itera <u>ibyishimo</u>.

**uducyo:** ..........................................................................................................

**ibyishimo:** ....................................................................................................

**c) <u>Imboga</u>** z'izuba ntizera.

**imboga:** ..........................................................................................................

**20.** Tondagura inshinga iri mu dukubo mu bihe bikuru by'inshinga. **(3)**

Imvura (kugwa) mu Gushyingo.

..........................................................................................................................

..........................................................................................................................

..........................................................................................................................

**UBUTINDE N'AMASAKU (10)**

21. Andika amagambo akurikira muri muhundwanota ukurikije amasaku yayo.**(4)**

a) Umucyo..................................................................................................

b) Imyaka ..................................................................................................

c) Imyambaro..............................................................................................

d) Iminsi .....................................................................................................

22. Garagaza ubutinde n'amasaku by'amagambo akurikira: **(6)**

Ibijumba:.......................................................................................................

Amenyo:........................................................................................................

Icyansi:.........................................................................................................

udusimba:......................................................................................................

abantu:..........................................................................................................

imvura:..........................................................................................................

## VI. IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA (5)

23. Andika neza interuro zanditse nabi. **(5)**

a) Nka mwe aho nabatumye siho mwagiye.

.....................................................................................

b) Imvura niyo iboza imyaka.

.....................................................................................

c) Iwacu nta we urwaye.

.....................................................................................

d) Turahurira i muhira ni munsi.

.....................................................................................

e) Kugirango abeho yifashisha abaturanyi.

.....................................................................................

## IGICE CYA KABIRI: IHIMBAMWANDIKO (15)

24. Petero yataye ibyangombwa bye. Andika itangazo rirangisha ibyo byangombwa mu mwanya ukurikira.